


Ikinyarwanda

PK

19/07/2022 01:30 - 03:30PM



Inomero yuzuye y'umunyeshuri

| Intara/ Umujyi | Akarere | Umurenge | Ishuri | Ikiciro | Umunyeshuri | Umwaka |
|----------------------|----------------------|----------------------|----------------------|----------------------|----------------------|----------------------|
| <input type="text"/> | <input type="text"/> | <input type="text"/> | <input type="text"/> | <input type="text"/> | <input type="text"/> | <input type="text"/> |

Amazina y'umunyeshuri:

Izina ryawe bwite:.....

Andi mazina yawe:.....

Ikitonderwa:

INOMERO Y'UMUNYESHURI N'AMAZINA YE **BIGOMBA**
KWANDIKWA NK'UKO BIGARAGARA KU
IFISHI Y'UMUNYESHURI.

IKIZAMINI CYA LETA GISOZA AMASHURI ABANZA 2021-2022

IKINYARWANDA

Igihe kimara: Amasaha abiri (2h00)

Amanota:

/100

Amabwiriza:

- 1) Ntufungure iyi kayi y'ibibazo by'ikizamini utabihereye uburenganzira.
- 2) Ikizamini kigizwe n'ibibazo makumyabiri na bitanu (25). Mbere yo gutangira banza ugenzure niba ibibazo byose byuzuye.
- 3) Ikizamini kigizwe n'ibice bine:
 - Igihe cya mbere: Kumva no gusesengura umwandiko (amanota 30)
 - Igihe cya kabiri: Ikibonezamvugo (amanota 25)
 - Igihe cya gatatu: Ubumenyi rusange bw'ururimi (amanota 30)
 - Igihe cya kane: Ihangamwandiko (amanota 15)
- 4) Ibisubizo bigomba kuba bifututse kandi byuzuye.
- 5) Gusiribanga no guhindagura ibisubizo bifatwa nko gukopera.
- 6) Birabujijwe kugaragaza umwirondoro wawe ahatabugenewe.
- 7) Ukurikize amabwiriza ari kuri buri kibazo.
- 8) Koresha gusa ikaramu y'ubururu cyangwa iy'umukara.

Ikinyarwanda

PK

19/07/2022 01:30 - 03:30PM



NESA
NATIONAL EXAMINATION
AND SCHOOL INSPECTION
AUTHORITY

IKINAMINI CYA LETA GISOZA AMASHURI ABANZA 2021-2022

IKINYARWANDA

Igihe kimara: Amashuri abiri (2h00)

100

Amanota:

Amapwiza:

- 1) Nkurungire iyi kayi yibazo by'ibizamini utabirewe uburunganzira.
- 2) Ikinamini kizwe n'ibazo makunye bita na bitanu (25). Mbere yo kutangira banza ugenzire niba ibazo byose byuzuye.
- 3) Ikinamini kizwe n'ibice bine:
 - Igice cya mbere: Kumva no gusessera umwandiko (amanota 30)
 - Igice cya kabiri: Iribonezamu (amanota 25)
 - Igice cya gatatu: Ubumenyi rusange bw'urumuna (amanota 30)
 - Igice cya kane: Ihanga umwandiko (amanota 15)
- 4) Ibisubizo bigomba kuba biturutse kandi byuzuye.
- 5) Gusubiranga no gushyiraharira ibisubizo bitatwako ukubera.
- 6) Bitabwiriza kutagaragara umwondoro wawe ahatubonywe.
- 7) Ukubwiriza amashuri ari kuri kuri kibazo.
- 8) Koresha gusa ikarimo y'ubururu cyangwa y'umukira.

INKWAVU MU BANTU

Kera habayeho abana babiri, umukobwa akitwa Karabo, umuhungu akitwa Shema. Shema yari muto kuri Karabo. Iwabo bari baturiyeye ishyamba. Iryo shyamba ryabagamo inyamaswa yitwa Bakame, ikaba n'inshuti yabo magara. Yakundaga kubafasha gutashya, barangiza ikabaherekeza, ikabarenza ishyamba, hanyuma ikagaruka. Ibyo biba igihe kirekire, kugera ubwo Bakame yifuje kujyana na bo ngo bibanire.

Umunsi umwe, Karabo na Shema baza gutashya, Bakame ibabonye, iribwira iti: "Uyu munsi ntibanshika ndatahana na bo. Karabo na Shema bayikubise amaso, barishima, barayihobera, ibasaba ko bakwiyanyira. Mu gihe bakibitekerezaho, imvura iba iraguye. Bajya kugama, bambuka umugezi, biroha mu buvumo, basanganirwa n'impayisi." Impayisi ikubise amaso Bakame n'abana iriyamira iti: "Murakaza neza mboga zizanye! "Bakame isubiza Warupayisi iti: "Ngo zizana! Uzi ukuntu uyu muhigo wanduhije? Bakame iti: "Kandi Bihehe njya mbona uzaba Barihima. Ubwo se ko uyu muhigo nawukuzaniye, ngira ngo twumvikane uko dukwiye kubana, ku buryo igihe uzaba nta kintu waramuye nzajya ngufasha guhiga, none nundya uraba wungutse iki ko n'ubundi uzongera ugasonza?"

Warupayisi ibaza Bakame iti: "None uragira ngo tubigenze dute?" Bakame iti: "Aho twambukiye, nahabonye igiti k'ipapayi, ndagira ngo umfashe dusarure amapapayi nabonye yeze ndi burye, ubwo nawe uri bube wica isari. " Warupayisi iti: "Waretse se nkaba nsamuye aka gato, umukuru nkaza kumwikuza nyuma?" Karabo na Shema babyumvise barushaho kugira ubwoba. Bakame ibwira Warupayisi iti: "Ihangane dore imvura irahise, ahubwo reka tugende umfashe guşoroma ayo mapapayi, turire rimwe. Warupayisi iti: "None se ko ntazi kurira ibiti ndakumarira iki? "Bakame iti." Nta cyo bitwaye, turifashisha umwe muri aba bana."

Warupayisi, Bakame, n'abana barasohoka, berekeza iruhande rwa wa mugezi wari wuzuye. Bakame ibwira Shema iti: "Ambukira kuri kiriya kiraro, wurire kiriya giti k'ipapayi, nugerayo ndakubwira ikindi uri bukore. "Irahindukira ibwira Warupayisi iti: "Nawe ugiye guhagarara muri ariya mazi, uriya mwana natere ipapayi, wowe urikubite umutwe nk'utera umupira ringereho." Bakame ikimara kuvuga ityo, Warupayisi yihutira kujya guhagarara mu mazi itabanje kubitekerezaho. Yikubita mu mazi, imira nkeri, irashya imigeri, ihita ipfa. Bakame yiterera hejuru iti: "Turarusimbutse." Ihamagara Karabo, ibwira na Shema iti: "Imanukire dutahe, Warupayisi yapfuye." Bakame ijyana n'abana, nuko ibana n'abantu gutyo, iba aho, irabyara, irororoka. Inkwavu ziba zikwiye mu bantu kubera abana.

Si ge wahera, hahera Warupayisi.

IGICE CYA MBERE: KUMVA NO GUSESENGURA UMWANDIKO (amanota 30)

- 1) Uyu mwandiko ni bwoko ki? Sobanura igisubizo cyawe. **(amanota 2)**
.....
.....
- 2) Andika abantu batatu (3) bavugwa muri uyu mwandiko. **(amanota 3)**
.....
.....
- 3) Shema na Karabo bafitanye iyihe sano? **(inota 1)**
.....
.....
- 4) Garagaza ibintu bitatu (3) Bakame yafashijemo abana muri uyu mwandiko. **(amanota 3)**
.....
.....
- 5) (a) Ni ikihe kifuzo Bakame yari imaranye igihe ikimara gucudika n'abana? **(inota 1)**
.....
(b) icyo kifuzo yaba yarakigezeho? **(inota 1)**
.....
- 6) Abana bahuriye he n'impyi? **(inota 1)**
.....
- 7) Bari bagiye gukora iki bahura n'impyi? **(inota 1)**
.....
- 8) Abana bakijijwe na nde? **(inota 1)**
.....
- 9) Ni bande batumye inkwavu ziba mu bantu? **(inota 1)**
.....
- 10) Andika amakabyankuru abiri (2) dusanga muri uyu mwandiko. **(amanota 2)**
.....
.....
- 11) Shaka mu mwandiko amagambo afite ibisobanuro bikurikira: **(amanota 5)**
 - (a) Gushaka inkwi mu ishyamba:
 - (b) Bayibonye :

- (c) Kumurya nyuma:
- (d) Ntitugipfuye:.....
- (e) Imira amazi menshi:.....

12) Uzurisha izi nteruro amagambo akurikira ukuye mu mwandiko: **ishyamba, kurira, gutashya, amapapayi** **(amanota 4)**

- (a) Abana bagiyemu ishyamba.
- (b) Buri munsu turya imbuto z'
- (c) Tugomba gufata neza kimeza kuko rikurura imvura.
- (d) Uriya mwana azi..... ibiti wagira ngo ni inkende.

13) Subiza na **“ni byo”** cyangwa **“si byo”** ukurikije ibivugwa mu mwandiko: **(amanota 4)**

- (a) Bakame ntiyifuzaga gutahana n’abana.
- (b) Shema na Karabo baravukana.
- (c) Abana bagiye kugama mu buvumo imvura iguye.
- (d) Warupyisi yariye Karabo na Shema.

| |
|--|
| |
| |
| |
| |

IGICE CYA KABIRI: IKIBONEZAMVUGO (amanota 25)

14) Shyira utwatuzo dukwiye ku nteruro zikurikira : **(amanota 3)**

- (a) Iyo nkuru yabereye he
- (b) Mbega amasomo meza
- (c) Tugomba kugira neza

15) Hanga interuro ngufi ugaragaze ibice by’ingenzi biyigize. **(amanota 4)**

16) Simbuza utudomo icyungo gikwiye muri ibi bikurikira: **kandi, na, nkanswe, cyangwa, nako** **(amanota 5)**

- (a) Kamana Safari baravukana.
- (b) N’inyange zirapfa ibiyoni!
- (c) Ntira ntiza igare nyarukire ku maduka.
- (d) Yanze kuza namutumiye.
- (e) Ngwino tugendengusige.

17) Hanga interuro ngufi zigaragaramo ibi bikurikira : **(amanota 5)**

- (a) Umugereka w’inshuro
- (b) Ikinyazina ngenga
- (c) Ntera
- (d) Imbundo

(e) Igisantera
18) Garagaza uturemajambo tw'amagambo atsindagiye n'amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe : **(amanota 8)**

(a) Kagubari yaguze **udutambaro** twiza.

.....
.....

(b) Nuko atangira kuvuza **induru**.

.....
.....

(c) **Abana benshi** bamenye gusoma.

.....
.....
.....

IGICE CYA GATATU: UBUMENYI RUSANGE BW'URURIMI (amanota 30)

19) Huza inshoberamahanga n'ibisobanuro byazo. **(amanota 5)**

Inshoberamahanga

- (a) Kwica isari
- (b) Guta inyuma ya Huye
- (c) Gushira isoni
- (d) Kurara ubusa
- (e) Gutera utwatsi umuntu

igisobanuro

- Kurara utariye
- Kutagira uwo wubaha
- Kurya ibiryo bidahagije
- Guhakanira umuntu
- Kubwira utakumva

20) Tanga igisobanuro k'interuro ukoreshije ijambo ukuye mu dukubo : **(amanota 5)**

- (a) Umusambi urya utubuto. Hano umusambi ni
(inyoni, icyo bicaraho).
- (b) Yanyoye intama imwe y'amata. Intama ni
(itungo borora, icyo umira).
- (c) Ujya mu rutoki abanza ikivugirizo. Urutoki ni
(insina nyinshi, ururingo rw'ikiganza).
- (d) Yituye mu kiraro amira nkeri. Ikiraro ni.....
(aho inka iba, icyo bambukiraho ku mugezi).

(e) Ndumva ijwi ryirangira mu gikombe. Igikombe ni.....
(icyo banyweshya, hagati y'imisozi ibiri)

21) Koresha amagambo yabugenewe mu nteruro zikurikira: **(amanota 5)**

(a) Umukobwa tuvukana yankijije impyisi yari igiye kundya.
.....

(b) Iyi ngobyi irashaje muyijugunye mugure indi.
.....

(c) Mpereza agati bakoresha bavuzza ingoma nge kuvuzza ingoma.
.....

22) Ica ibisakuzo bikurikira: Sakwesakwe! **(amanota 5)**

(a) Inka yanjye irishiriza mu mishito igataha mu mishito!
.....

(b) Ndaguteruye ndakwesa, urahindukira urandeba!
.....

(c) Ko so na nyoko bameze uruhara, inzoga z'ibwami zizikorera nde!
.....

(d) Mugongo mugari mpekera abana!
.....

(e) Dusa tudahuje isoko!
.....

23) Uzuza imigani y'imigenurano ikurikira: **(amanota 5)**

(a) karushya ihamagara.

(b) Igiti kiswe umwana.....

(c)yishe ukuze.

(d) Uburere buruta

(e) atemba ajya mu nda.

24) Andukura izi nteruro ukosora imyandikire. **(amanota 5)**

(a) Uku gutwi niko numvisha.
.....

(b) Mbese urarizwa nuko bakurushije!
.....

(c) Twasanze na twe tumeze nkabo.....

(d) Nzajya i muhira ejobundi.....

IGICE CYA KANE : IHANGAMWANDIKO (amanota 15)

25) Ukurikije akandiko gakurikira, uzuza uyu mwirondoro mu mazina ya KEZA Habimana: **(amanota 15)**

Ikitonderwa: Kirazira kugaragaza umwirondoro wawe uwo ari wo wose kuri iki kibazo k'ihangamwandiko.

Mu Mudugudu wa Kagina, Akagari ka Ramba ho mu Murenge wa Gatobotobo mu Karere ka Kirambi hatuye umugabo HABIMANA Yozefu washakanye na MUKAKIMENYI Yozefina. Babyaye abana babiri KEZA Habimana wavutse mu mwaka wa 2000 na GANZA Habimana wavutse mu mwaka wa 1998. KEZA Habimana yize amashuri abanza ku Ishuri Ribanza rya Kinazi, ikiciro rusange akiga mu Rwunge rw'Amashuri rwa Gataba naho ikiciro cya kabiri akiga mu Rwunge rw'amashuri rwa Nganzo aho yize Ubugenge, Ibinyabuzima n'Ubutabire. Ubu KEZA avuga neza Ikinyarwanda, Igifaransa n'Icyongereza akaba akora mu Ivuriro rya Gihinga.

UMWIRONDORO URAMBUYE

Amazina:

Amazina ya data:

Amazina ya mama:

Igihe navukiye:

Aho navukiye:

Akagari :

Umurenge :

Akarere :

Amashuri nize:

Aho nize amashuri abanza:

Aho nize ikiciro rusange:

Aho nize ikiciro cya kabiri:

Ibyo nize:

Umurimo nkora:

Ndemeza ko ibyo maze kwandika ari ukuri,

mbishyizeho umukono:

Bikorewe i ku wa